# SWYC™:

## Amezi 24 / 24 Months

**Amezi 23, iminsi 0 kugeza ku mezi 28, iminsi 31**
**23 months, 0 days to 28 months, 31 days**
*V1.08, 1/9/19*

Amazina y'umwana/Child's Name:

Itariki y'amavuko/Birth Date:

Itariki y'uyu munsi/Today's Date:

### *INTAMBWE Z'IMIKURIRE*

Abana benshi bo muri iki kigero bashobora gukora imirimo imwe n'imwe (ariko si yose) igaragaza imikurire ikurikira. Tubwire ukuntu umwana wawe akora buri kintu muri ibi. REBA NEZA USUBIZE IBIBAZO BYOSE.

| | Ntibiraba | Gake | Cyane |
|---|---|---|---|
| Avuga nibura - ibice by'umubiri - nk'izuru, ikiganza cyangwa inda ....... | ⓪ | ① | ② |
| Yurira urwego rwo ku kibuga cy'imikino .............................................. | ⓪ | ① | ② |
| Akoresha amagambo nka "njyewe" cyangwa "-anjye" ........................... | ⓪ | ① | ② |
| Asimbuka akoresheje ibirenge byombi .................................................. | ⓪ | ① | ② |
| Afatanya amagambo 2 cyangwa menshi nka - "amazi menshi" cyangwa "jya hanze" ..................................................................................... | ⓪ | ① | ② |
| Asaba ubufasha akoresheje amagambo.................................................. | ⓪ | ① | ② |
| Avuga nibura ibara rimwe ..................................................................... | ⓪ | ① | ② |
| Agerageza kugukururira kureba avuga ati: "Ndeba"............................... | ⓪ | ① | ② |
| Avuga izina rye rimwe iyo urimubajije .................................................. | ⓪ | ① | ② |
| Aca imirongo ........................................................................................... | ⓪ | ① | ② |

### *URUTONDE RW'IGENZURA RY'IBIMENYETSO BY'IBIBAZO BY'ABANA BO MU MASHURI Y'INCUKE (PPSC)*

Ibi bibazo birebana n'imyitwarire y'umwana wawe. Tekereza ku byo wagombye kwitega ku bandi bana bangana n'uwawe, hanyuma utubwire uko buri kintu kimeze ku mwana wawe.

| | | Nta na gato | Gake | Cyane |
|---|---|---|---|---|
| **Ese umwana wawe...** | Asa nk'ufite ubwoba?................................................... | ⓪ | ① | ② |
| | Asa nk'ubabaye?.......................................................... | ⓪ | ① | ② |
| | Ararakara iyo ibintu bidakozwe mu buryo runaka? ...... | ⓪ | ① | ② |
| | Biramugora iyo habaye impinduka? ............................ | ⓪ | ① | ② |
| | Agira ikibazo cyo gukina n'abandi bana? .................... | ⓪ | ① | ② |
| | Amenagura ibintu abigambiriye? ................................ | ⓪ | ① | ② |
| | Arwana n'abandi bana? ................................................ | ⓪ | ① | ② |
| | Agira ikibazo cyo kwerekeza ibitekerezo ku kintu? ..... | ⓪ | ① | ② |
| | Biramugora gucururuka? ............................................. | ⓪ | ① | ② |
| | Agira ikibazo cyo kuguma ku gikorwa kimwe? ........... | ⓪ | ① | ② |
| **Umwana wawe...** | Agira amahane? .......................................................... | ⓪ | ① | ② |
| | Ni umunyakavuyo cyangwa ntahama hamwe ngo atuze?. ... | ⓪ | ① | ② |
| | Agira uburakari? ......................................................... | ⓪ | ① | ② |
| **Biragoye...** | Gusohokana umwana mu ruhame? .............................. | ⓪ | ① | ② |
| | Guhumuriza umwana wawe? ....................................... | ⓪ | ① | ② |
| | Kumenya icyo umwana wawe akeneye? ....................... | ⓪ | ① | ② |
| | Gukoresha umwana wawe ku masaha cyangwa kuri gahunda? ....................................................................... | ⓪ | ① | ② |
| | Gukora ku buryo umwana wawe akumvira? ................. | ⓪ | ① | ② |

Tufts Children's Hospital

*2010, Tufts Medical Center, Inc. Uburenganzira bwose burihariwe.*

************ **Komeza inyuma** ************

## *UKO UMUBYEYI ABONA IMIKORANIRE Y'UMWANA WE N'ABANDI (POSI)*

| | Inshuro nyinshi ku munsi | Inshuro nke ku munsi | Inshuro nke mu cyumweru | Gake kuri rimwe mu cyumweru | Nta na rimwe |
|---|---|---|---|---|---|
| Umwana wawe ajya akuzanira ibintu agira ngo abikwereke? | ○ | ○ | ○ | ○ | ○ |

| | Buri gihe | Hafi buri gihe | Rimwe na rimwe | Gake cyane | Nta na rimwe |
|---|---|---|---|---|---|
| Umwana wawe yishimira gukina n'abandi bana? | ○ | ○ | ○ | ○ | ○ |
| Iyo uvuze ijambo cyangwa ukazunguza ikiganza hejuru, umwana wawe arakwigana? | ○ | ○ | ○ | ○ | ○ |
| Umwana wawe arakureba iyo uhamagaye izina rye? | ○ | ○ | ○ | ○ | ○ |
| Iyo utunze ikintu urutoki mu cyumba, umwana wawe arukurikiza amaso? | ○ | ○ | ○ | ○ | ○ |

| Ni gute umwana wawe amenyereye kukwereka ikintu ashaka? | Avuga ijambo rivuga icyo ashaka | Agitunga urutoki | Aragenda akacyegera | Arankurura nkakigeraho cyangwa akagikozaho intoki zanjye | Araniha, ararira cyangwa akaboroga |
|---|---|---|---|---|---|
| *(shyira akamenyetso ku bihuye n'ukuri byose)* | ☐ | ☐ | ☐ | ☐ | ☐ |
| **Ibikorwa byo gukina umwana wawe akunda ni ibihe?** | **Akina n'ibipupe by'abantu cyangwa by'inyamaswa** | **Gusomana igitabo nawe** | **Kurira, kwiruka no gushishikara** | **Gutondekanya ibikinisho cyangwa ibindi bintu** | **Kureba ibintu bizenguruka nka vantilateri cyangwa igikurudumu** |
| *(shyira akamenyetso ku bihuye n'ukuri byose)* | ☐ | ☐ | ☐ | ☐ | ☐ |

*Niba ushaka gushimira, kwemeza n'andi makuru yerekeye POSI, reba www.theswyc.org/posi*

## *IMPUNGENGE Z'UMUBYEYI*

| | Nta na gato | Gake | Cyane |
|---|---|---|---|
| Hari impungenge waba ufite ku myigire cyangwa imikurire y'umwana wawe? | ○ | ○ | ○ |
| Hari impungenge waba ufite ku myitwarire y'umwana wawe? | ○ | ○ | ○ |

## *IBIBAZO BYEREKEYE UMURYANGO*

Bitewe n'uko abagize umuryango bashobora kugira uruhare runini mu mikurire y'umwana wawe, subiza ibibazo bike byerekeye umuryango wawe aha munsi:

| | | Yego | Oya |
|---|---|---|---|
| 1 | Hari umunywi w'itabi ubana n'umwana wawe? | Ⓨ | Ⓝ |
| 2 | Wigeze unywa inzoga cyangwa ukoresha ibiyobyabwenge birenze uko wabyifuzaga mu mwaka ushize? | Ⓨ | Ⓝ |
| 3 | Wigeze wumva ushaka cyangwa ugomba kugabanya inzoga cyangwa ibiyobyabwenge mu mwaka ushize? | Ⓨ | Ⓝ |
| 4 | Kunywa inzoga cyangwa gukoresha ibiyobyabwenge k'umuntu ugize umuryango wawe byigeze bigira ingaruka mbi ku mwana wawe? | Ⓨ | Ⓝ |

| | | Ntibyabayeho | Byagiye bibaho | Byabayeho kenshi |
|---|---|---|---|---|
| 5 | Mu mezi 12 ashize, twahangayikishijwe n'uko ibyo kurya bishobora kudushirana tutarabona amafaranga yo kugura ibindi. | ○ | ○ | ○ |

| | ***Ni kangahe kimwe mu bibazo bikurikira cyaguhangayikije mu byumweru bibiri bishize?*** | Nta na gato | Iminsi myinshi | Birenze icya kabiri cy'iyo minsi | Hafi buri munsi |
|---|---|---|---|---|---|
| 6 | Gushishikarira cyangwa kwishimira gake gukora ibintu? | ⓪ | ① | ② | ③ |
| 7 | Kumva wacitse intege, wihebye cyangwa nta cyizere ufite? | ⓪ | ① | ② | ③ |

| | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|
| 8 | Ni gute wasobanura umubano wawe n'uwo mwashakanye/mugenzi wawe mubana? | **Nta ntonganya** ○ | **Intoganya nke** ○ | **Intonganya nyinshi** ○ | **Ikibazo ntikindeba** ○ |
| 9 | Wowe na mugenzi wawe mufatanya gukemura impaka: | **Nta ngorane** ○ | **Bigoranye buke** ○ | **Bigoranye cyane** ○ | **Ikibazo ntikindeba** ○ |

| | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 10 | Mu cyumweru gishize, ni iminsi ingahe wowe cyangwa abandi bagize umuryango mwasomeye umwana wawe? | ⓪ | ① | ② | ③ | ④ | ⑤ | ⑥ | ⑦ |